REPUBLIQUE RWANDAISE

UNITE - PAIX - DEVELOPPEMENT

Kigali, le 23 SEP 1986

No

Réf. No :

Annexe :

Objet :

Vu le 14/10/86

Entrée le 30 SEP. 1986
N° indicateur 6128
A traiter par
Classement

Nyakubahwa Ministri w'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga.

K I G A L I.-

~~DGEA~~ DGRST
Pour exploitation 1/10/86
18/10/86.
14/10/86

Nyakubahwa Ministri,

Nshimishijwe no kuboherereza inyandiko y'ikiganiro natanze i Butare mu minsi yahaliwe ubuhanga cyerekeye Uruhare rw'Abanyabwenge mu bibazo byerekeye amajyambere y'u Rwanda.

Mbifulije kucyakira neza.

P.Claver KARENZI

Umwalimu muli Kaminuza y'u Rwanda

Bimenyeshejwe :

- Umuyobozi wa ARSENA.
- Umunyamabanga Mukuru wa ARSENA

## URUHARE RW'UMUHANGA CYANGWA SE UMUNYABWENGE MU MAJYAMBERE Y'U RWANDA.-

### 1. Inkomoko y'iki kiganiro.

Igitekerezo cyo kugira icyo tuvuga muri iri teraniro ku byerekeye uruhare rw'Abanyabwenge mu majyambere y'u Rwanda ni cyiza rwose kandi nizeye ko kitugeza ku nama z'ingirakamaro. Nshimiye abateguye iyi nama kuba baragishyize kuri gahunda.

Uwakigize ngirango yahereye kw'ijambo Umukuru w'Igihugu aherutse kugeza ku baturarwanda igihe yajyaga gusura ikigo cya Kaminuza cyo mu RUHENGERI. Hari aho yageze ati : "Ngiye kurangiza ijambo ryanjye ry'uyu munsi ngira icyo mbwira abarimu bo muri Kaminuza, bityo mbe mbwiriyemo n'abanyabwenge bose b'u Rwanda ... barimu, banyabwenge, siniyumvamo ko mufatanya n'abandi, uko mubishoboye, ku mpaka zigamije guteza imbere Igihugu, zerekeye ukuntu twakemura ibibazo Igihugu gihura na byo ... Akenshi mbabazwa n'uko abo dutezeho byinshi/ bakora ukubiri..., ntidushobora kwemera ko abo banyabwenge bakomeza gukora batuzuzanya".

Icyo gitekerezo ni cyo nagirango mfatikanye n'abandi gusesengura mu byerekeye iby'ubumenyi bw'ibintu kamere (Sciences Naturelles).

### 2. Umuhanga cyangwa se Umunyabwenge mu bintu kamere tuvuga ni uwuhe?

Ndatekereza ko abo Umukuru w'Igihugu yavugaga ari impuguke zize amashuri bakaminuza ari bo nyine barimo abalimu b'amashuri makuru n'abayobozi bo mu nzego nkuru z'ubutegetsi.

Abo banyabwenge rero barimo ibyiciro byinshi : hari abahanga mu by'indimi, mu mateka, mu bukungu, mu mibereho, n'ibindi byinshi bifitanye isano n'ubumenyi bw'ibitekerezo n'imigenzereze y'abantu; hakabaho n'ikindi cyiciro aricyo cy'abenshi muri twe duteraniye hano cyibanda ku bumenyi bw'ibintu n'imikoreshereze yabwo haba mu kwubaka ibikoresho haba se mu byerekeye ibinyabuzima.

Izo mpuguke zimaze kuba nyinshi mu Rwanda . Mu ibarurua ryo muri 1978, abarangije amashuri makuru babarirwaga mu 1.760 (1). Ubu bamaze kugera nko mu bihumbi bine mpereye ku bo Kaminuza y'u Rwanda ubwayo imaze guha impamyabushobozi begereye ibihumbi bitatu (2 -3).

---

(1) Umugambi wa gatatu wo gutsura amajyambere, MINIPLAN, 1982.

(2) Bilans et Perspectives, UNR, 1984.

(3) David NSENGIMANA, Contribution à l'Etude des Aspects normatifs et technico-économiques de l'UNR, Mémoire de Licence 1986.

* Iki kiganiro cyatangiwe i Butare na Mwalimu Petero Klaveri KARENZI mu minsi yahaliwe ubuhanga itegurwa na ARSENA.

Ngabo abitwa abanyabwenge baminuje, mu by'ukuli ni abanyamashuli kuko hali abanyabwenge benshi batize ibyo byose. Muli bo ntibabuzemo nka 900 bize ibyerekeye ubumenyi bw'ibintu kamere ariko jye ndibwibandeho.

3. <u>Ibibazo by'amajyambere abo bahanga mu bintu kamere badufashamo ni ibihe?</u>

Ni byinshi cyane kandi twese turabyumva ku bulyo kubirondora atali ngombwa. Twibutsemo bike by'ingorabahizi turebe uruhare tubifitemo.

a) <u>Abanyarwanda bagomba kulya bagashira inzara.</u>

Ubulyo buhwitse bwo kubonera iki kibazo umuti ni uko iby'ingenzi bitunga abanyarwanda Igihugu ubwacyo cyaba kibyifitiye. Mbese turabifite? Twabibona se? Ali ubworozi ali n'ubuhinzi icyabidushoborera vuba kandi nyabyo ni ikihe?

Kuli ibyo bibazo hashobora kuba haliho inyandiko nyinshi z'impuguke zacu cyakora agatabo nabonye ni kamwe gusa kanditswe n'impuguke zo muli I.N.R.S. H.L.VIS, C. YOURASSOV na H VAN DER BORGHT muw'1972. Ndabona twali dukwiye kuba dufite nk'ibitabo bigeze byibura kwlicumi kuli icyo kibazo cy'ingenzi, bitubwira ukuntu impuguke zagicukumbuye ziturukije impande zose. Inzira zinyuranye izo ntiti zacu zijyaho impaka akaba ali byo tugira icyo tuvugaho mu materaniro nk'aya.

Uruhare rw'abagoronomi, abaganga, impuguke mu bitunga umubiri, n'abandi bahanga ni nini. Benshi aho bahafite umulimo utoroshye.

b) <u>Ubuhinzi ko butazabeshaho Abanyarwanda bose ?</u>

Hali kera igihe Abanyarwanda 95 kw'ijana batungwaga n'isuka bakumva baliho neza ! Ikibazo cy'ubwiyongere bw'abantu ku masambu ataguka cyaravuzwe cyane kandi kirakomeye koko. Abo tubyara ubungubu bazaba he? Bazakora iki? Bazatungwa n'iki? Aho n'iyo ibitunga abantu byaba bihali bihagije abenshi ntibazabura icyo babigura kandi badafite n'aho babyihingishiliza amaboko yabo?

.../...

Ariko se mu bihugu twumva ko abatagera kuri 5 ku ijana ari bo batunze imbaga mu bikomoka ku buhinzi, abandi baba bakora iki kibabeshejeho? Icyo gice gisigaye kiba gitunzwe n'imyuga inyuranye ikorerwa ahanini mu nganda noneho nayo ikagenda ibyara indi nko gucuruza ibyo bivuyemo, gukora ibyuzuzo byabyo, kubyamamaza, kubicengeza mu bigize ubukungu, n'ibindi byinshi bigendana n'ibyo abo bakozi bakenera.
Dore nko muri Leta zunze Ubumwe z'Amerika muri 1981 hakoraga abantu babiri ku ijana gusa mu by'ubuhinzi, 32% bakaba mu by'inganda, 66% basigaye bakaba mu buvuzi no mu bindi bisigaye bishingiye ahanini kuri izo nganda.

Twebwe rero izo nganda ntazo dufite zashobora gutunga Abanyarwanda babikeneye bose. Nta n'izo tuzabona tuzihawe n'abazifite ubu. Birumvikana ko nabo ariho bahahira. Ahubwo n'ibyo by'inganda z'impano ziza ziturutse hanze uko zakabaye abantu bose mu Rwanda bamaze kubona ko ntacyo bigeraho.

Aho rero niho hari umwanya ukomeye w'Abahanga b'Abanyarwanda n'abandi banyabwenge bari mu gihugu. Wowe wize uko bakora imiti ya kizungu, shakisha urebere no mu ya kinyarwanda uko twayikora bya gihanga bikazatunga abo tubyara. Muti CURPHAMETRA na Padri KAYINAMURA baratangiye. Ni byiza iyo nzira niyo, ariko nyine Abanyarwanda babyiruka none bose si ibyo bazakora gusa. Wowe se wize uko bakora ubutare ntacyo washakisha nk'icyo? Wowe se uzi uko bakora imyenda, uko bashongesha amabuye y'agaciro, ... Wowe muhanga, munyamashuri w'Umunyarwanda, uruhare twese dufite mu gushaka umuti w'ikibazo cy'ikizatunga abo tubyara ni runini cyane.

c) <u>Ingero umuntu yabona ni nyinshi.</u>

Usibye ibibazo by'ibiribwa n'iby'imirimo hari ibindi byinshi dufite abahanga bahagurukira ugasanga byinjije byinshi Igihugu gikeneye.

Muri wa mugambi w'Ishyirahamwe ry'Afrika w'i Lagos ibintu nkenerwa by'ibanze bavuga ni 7 ari byo: "ibiryo, imyambaro, amacumbi, itwara ry'abantu n'ibintu no gutumanaho, ingufu, ubuzima, n'uburezi". Buri cyose muri ibi gifite ubuhanga bujyana nacyo. Iby'ibiribwa nabivuze, ariko se nk'ibyerekeye imyambaro, hari inzira nyinshi abahanga bacu muri Shimi bashobora kutwigira guhera kw'ipamba risanzwe kugera kuri za nylon na tergal.
Hari byinshi dushobora gusanga byabyarwa n'umutungo wacu dusanganywe.
Iby'ubwubatsi se byo, ubuhanga twubaka burakabije kurenza ubushobozi dufite.
Abagerageje gukora sima yo mu makoro batangiye neza ariko nayo iracyabahenda.
Nabonye ku Ndiza abantu babumba amatafari y'ubutaka bakuye mu kibanza barangiza bakayatwika. Yenda bafite ubutaka budahuje n'ubw'ino, ariko se niho buba honyine?

.../...

Ubw'ahandi se bwo bubuze iki? Abahanga mu bwubatsi bacu babivugaho iki? Ibyo gutwara ibintu n'abantu : iyi mihanda ya kaburimbo koko ibyo tuyitangaho ni byo? Nta cyemezo mbifitiye ariko jye mbona tubihagurukiye dushobora kugabanya ibyo dutanga byibuze nk'incuro ebyiri! Hari n'ibindi. Mbese nta cyiciro cy'amajyambere utasanga inkunga y'umuhanga w'Umunyarwanda ishobora kugira akamaro gakomeye.

4. Ko tureba iby'ubu se kera mu Rwanda byagendaga bite?

Kera abahanga bari bafite umwanya wabo bakawumenya mu cyiciro amajyambere y'icyo gihe yari arimo.

Abakuru kuri twe babonye inzu za kinyarwanda bazi ko igisenge kitatungwaga n'ubonetse wese, cyagiraga abahanga bacyo. Inyegamo, ibiseke, inkangara, ibitebo buri kintu cyagiraga uwakizobereye akaba ari cyo ashyira imbere kikamuhesha icyubahiro muri bagenzi be afitiye akamaro. Ibyo ni ibyerekeye ubwubatsi, dushobora no kuvuga iby'uburezi, ubukannyi, ubusizi, ibitekerezo n'ibindi. Abahanga b'ibyo byose nibo bari bahwanye n'abanyamashuri twita za "ntiti" z'iki gihe cya none.

Aho abo bahanga ba kera batandukaniye n'ab'ubu ni uko ubwo buhanga bari babufite ari ubwabo, umuntu yaraburazwe n'umubyeyi we nk'uko yamuragaga isambu cyangwa itungo. Abahanga ba none bazi neza ko ubwo buhanga biga ari ubutirano. Kenshi abanabutwigisha batwumvisha neza ko nta rutugu rukura ngo rusumbe ijosi. Agatsinda koko wagera iwabo uti nimubareke twarasigaye.

Ubuhanga bwacu aba none bushingiye ku muco utari uw'abakurambere bacu kandi aho tugomba kubukoresha ahanini uwo muco ukihagenga. Ngicyo ikibazo dufite. Umuntu akabura aho ahera kandi bamuteze amaso.

Ku bwanjye rero inzira ya mbere yo kubonera icyo kibazo umuti ni ugushaka aho umuntu yashamikira ubwo buhanga mvamashuri ku muco w'igihugu. Bene kutwigisha ubwo buhanga ntibazabidukorera kuko batabishobora. Nguwo umuganda utoroshye abanyabwenge b'ubu bagomba guha ababakomokaho. Ibyo nibishoboka ibyo twari dusanganywe n'ibyo twungutse bisahura bigende umujyo umwe. Icyo gihe tuzashobora guhimba ibyacu bitubonereye kandi bigira icyo byungura igihugu mu ngorane gihura nazo.

...../...

5. Kuki abo twita abahanga b'ubu usanga basa n'abatatanya imbaraga zabo?

Ubukoloni bwatuzaniye ikintu cyitwa ifaranga "ilyo gutsindwa, ilyo kaguwira" wa mugani wa BUHIGIRO. Nta buhanga bundi bukibaho ahali usibye ubwo kulicunga.

Icyo cyago kiliho kiroromya imbaga kandi si iwacu gusa no mu bindi bihugu lyadutsemo nk'uku kwacu lyatesheje abantu umutwe. Bwa buhanga abandi bigira kuzakoresha twe tukabwigira kubona urupapuro rw'inzira rwo kutwinjiza mu bwami bwalyo. Uwitwa ko yaminuje mu by'ubuhinzi ugasanga aracuruza ubuconco, umuhanga mu by'amateka ugasanga arubaka amazu, uwize iby'inganda akajya mu by'imanza... Ibyo byose ali umutwe w'ifaranga. Hehe no gushyira hamwe ngo abantu bahuze ibitekerezo byo kuzamura igihugu !

Nyamara aliko ibiramambu, uwakoresha ubuhanga bwe neza, ntabe wa mwihusi wa cyane, n'ubwo bukungu bw'amafaranga yabugeraho kandi agateza intambwe amajyambere y'igihugu. Icyo nicyo ibihugu byitwa ko byateye imbere mu majyambere y'ubukungu biturusha cyane cyane. Dufashe ingero nko kuli Leta Zunze Ubumwe z'Amarika mu mwaka w'1983 inganda zikora ibyuma zose hamwe zinjije miliyali 2.052 z'amadolari yabo.
Hakabamo miliyari 59 zikomoka ku buhanga mu bya Shimi, 48 z'imiti bakora, 51 z'amakawucu, 85 ku mpapuro n'ibizikomokaho ! (5)
Umuntu ashobora kubona n'izindi ngero icyakora ngirango birumvikana ko ahubwo ubuhanga ali bwo bufite agaciro, ali nalyo shingiro nyalyo ly'ubukungu. Ibindi ni ugushakisha kuko ahanini usanga ubukungu bw'iwacu bushingiye ku bikomoka mu mahanga.

Uye mbona ibyo tubyumvise neza nta kibazo cyo gutatanya imbaraga cyabaho kuko twaba dushakira hamwe twese imizamukire nyayo y'Igihugu atali bya bindi bya "mpemuke ndamuke" bishuka abatabizi.

6. Abanyamyuga n'Abanyabukolikoli bacu batangiye ku ducaho twe twitwa impuguke.

Iyo umuntu yitegereje biriya bintu bya ba TABARO, ba GEZAHAYO usanga baradusize. Muli biriya ni ibintu bizuri. Ubu se muli twe abashobora gukora nka biliya n'abandi bakoreshje ubushobozi nk'ubwabo ni bangahe? Ni nde se wanze kuvugana n'umuturanyi we yahishije urwagwa cyangwa yahembwe? Muli twe se abadafite telefoni bayifuza ni bangahe? Ni radiyo zishaje zibura se?
Ni amabuye se? Urwo ni urugero rumwe sinilliwe ndondora iby'aliya mamashini ahonda imigwegwe, ahura amasaka, ahera ikawa n'andi.....

.../...

---

(5) Facts and figures for the chemical industry, Chemical and Engineering News, June 11, 1984; p. 44

Baliya banyabukolikoli rero icyo baturusha ni uko ubwo buhanga bamaze kubugira ubwabo. Yego no mu banyamashuli hatangiye kugaragaramo ingenzi, alibo baliya baduhaye imbuto z'ibirayi z'ingirakamaro, baliya batwengera urwa bitoke rwa kijyambere, aba bamaze guhesha agaciro imiti y'abasokuruza mu nzego z'intiti z'amahanga n'abandi...
Icyakora hali ubwo nibaza niba amashuli twiga uko ateye ubu atatudindiza mu buvanganzo bwacu adutera isoni zo gukinisha ibyo abakurambere bacu bagezeho kandi akanatwumvisha ko ibya kizungu twize biturenze kuko ngo bigomba ibikoresho bihambaye n'amafaranga menshi tutabona ino iwacu. Ibyo bintu dukwiye kubizilikana twitonze.

7. <u>Aliko se aho ntitwaba dufite inzitizi mu gukoresha ubuhanga twize?</u>

Inzitizi ziliho koko kandi zikomeye. Iya mbere ni uko abenshi babyirukira mu mashuli atabatoza ubulyo bwo kurwanya ingorane bahura nazo bayasohotse, ahubwo akabanokwesha ibyo bashobora gutunga babonye "Diplôme".

Iya kabili ni uko ibi tulimo, n'ubulyo dushaka gutera imbere tutarabisesengura bihagije ngo tuvangure ibyacu n'ibya bene kutwigisha twe tudafite aho duhuliye nabyo ahubwo bidutera inyota y'ubusa y'urwiganwa.

Iya gatatu ni uko tuli abatangizi cyane cyane muli ibi by'ubuhanga bwa kizungu. Ngo "icyiga kuvugiliza gikoboka umunwa". Ntacyo bitwaye numara gukoboka uzongera usubirane aliko hagati aho twabimenye.

Iya kane ni uko kenshi kurusha abandi atali ko kugororerwa. Ibyo bigaca intege bamwe.

Iya gatanu ni ukubura inzego nshyigikirabikorwa mu by'ubuhanga. Aha tukaba tutakwigereranya na gato n'abakorera mu bihugu byadutanze amajyambere.

Iya nyuma ishobora kuba ihuye n'iya kabili, ni uko twebwe ubwacu tutemera ko dushobora kugenga ubwacu ibikorwa by'amajyambere bikomoka ku buhanga. Nyamara aliko ngo "Amafuti y'umugabo nibwo buryo bwe" kandi ngo "Uwitwaje icumu ly'undi agerekaho n'agakeregesha ke".

8. Umwanzuro.

Uruhare rw'Umuhanga mu majyambere y'u Rwanda ni runini cyane. Yaba uwaminuje mu by'amashuri, yaba utize ariko ufite ubushobozi mu bitekerezo, bose ni abanyabwenge igihugu gikeneye.

Kuvuga ko kugeza ubu abahanga b'ingeri zose bataragaragara neza mu gihugu ni byo koko. Impamvu ku bize ni uko usanga abenshi batemera ko ubwo buhanga bwabo bushobora kugira icyo bubagezaho kigaragara. Kenshi inyigisho zo mu mashuri yacu usanga ariho zigusha. Abatize amashuri menshi nabo kandi basa n'abatinya kuko bagira bati ibi bitakozwe na kanaka ntibikorwe na naka wundi jye nabihera he?

Ibintu bitangiye gusobanuka icyakora cyane cyane kubera inkunga ya Prezida HABYARIMANA na Muvoma yashinze. Icyakora iyo nkunga y'inzego nkuru za Politiki ntihagije. Uruhare rukomeye rugomba kuba urw'abahanga b'Abanyarwanda ubwabo batagomba kurangazwa no gushaka ubukire bwa huti huti bushukana. Ntibagomba kwisuzugura cyangwa ngo biyemere by'ikirenga. Ahubwo barwanira gushaka ibitekerezo bishobora kubonera Abanyarwanda imirimo.

Mme NYIRASAFALI yatwibukije ko mu mugambi w'amajyambere turimo hateganijwe ko hari hakwiye imirimo ibihumbi magana ane buri mwaka. Niba abanyamashuri makuru turi 4.000 buri wese akwiye kubona mu mwaka ibitekerezo bihaye akazi abantu 100. Ibyo bibaye nta nzira zinyuranye umuntu yakongera guca iryera mu bahanga b'Igihugu . Inzira iracyari ndende ariko ni ngombwa.

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=